INAMA NJYANAMA
Y'UMUJYI WA KIGALI

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI YATERANYE KU WA 14 KANAMA 2021

1. IRIBURIRO

Ku wa Gatandatu tariki ya 14 Kanama 2021, inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Umujyi wa Kigali. iyobowe n'Umuyobozi wayo, Umujyanama Dr KAYIHURA Muganga Didas.

1.1 Abajyanama bitabiriye inama:

1. Umujyanama KAJENERI M Mugenzi Christian
2. Umujyanama Dr KAYIHURA Muganga Didas
3. Umujyanama Dr MPABWANAMAGURU Merard
4. Umujyanama MUHUTU Gilbert
5. Umujyanama MUTSINZI Antoine
6. Umujyanama NISHIMWE Marie Grace
7. Umujyanama RUBINGISA Pudence
8. Umujyanama RUTERA Rose
9. Umujyanama UMUTESI Geraldine
10. Umujyanama UMUTONI Gatsinzi Nadine

1.2 Umujyanama utaritabiriye inama afite impamvu yumvikana

1. Umujyanama BAGUMA Rose

2. INGINGO Y'INAMA

Gushyira Abajyanama bashya mu Makomisiyo na Komite Ngenzuzi by'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali no gushyiraho Abanyamabanga bazo.

3. GUSUZUMA INGINGO YARI KU MURONGO W'IBYIGWA

Mbere yo gutangira inama Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yasabye Abajyanama kwitoramo Umunyamabanga w'inama ufata imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kuko Umunyamabanga wayo atabashije kwitabira inama.

Yibukije Abajyanama ibiteganywa n'itegeko n° 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali mu ngingo yaryo ya 15 ivuga ko buri Mujyanama agira Komisiyo akoreramo, ko kandi umubare w'abagize buri Komisiyo ugenwa na Biro y'Inama Njyanama, Mu ngingo yaryo ya 16 ivuga ko Abajyanama bagize buri Komisiyo bitoramo umuyobozi n'umwanditsi b'iyo Komisiyo, ingingo ya 17 ikavuga ko abagize Inama Njyanama bitoramo abagize Komite Ngenzuzi. Yakomeje abagaragariza na none ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere n° 29/2019 yo ku wa 13/ 12 / 2019 y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali na Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali mu ngingo yayo ya 49 igena ibyitabwaho kugira ngo Abajyanama b'Umujyi wa Kigali bashyirwe muri Komisiyo na Komite Ngenzuzi.

Bamaze kubahiriza ibikubiye mu Itegeko n'Amabwiriza yavuzwe bafashe imyanzuro ikurikira:

<u>Umwanzuro 225/15.08.2021</u>: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yemeje ko Umujyanama UMUTESI Geraldine aba Umunyamabanga w'ubusigire w'Inama Njyanama wa Kigali kugira ngo ayifashe gufata imyanzuro y'inama y'uyu munsi.

<u>Umwanzuro 226/15.08.2021</u>: Inama Njyanama yashyize mu Makomisiyo na Komite Ngenzuzi by'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali Abajyanama bashya bane (4), bitora n'abanyamabanga bazo mu buryo bukurikira:

Urwego	Amazina	Umunyamabanga w'urwego
Komisiyo y'ubukungu, imibereho y'abaturage n'imiyoborere myiza,	- **Umujyanama UMUTESI Geraldine**	**Umunyamabanga wa Komisiyo**

Urwego	Amazina	Umunyamabanga w'urwego
	- Umujyanama NISHIMWE Marie Grace	
Komisiyo iy'ibikorwaremezo n'imiturire	- **Umujyanama KAJENERI M Christian** - Umujyanam MPABWANAMAGURU Merard	**Umunyamabanga**
Komite Ngenzuzi	- **Umujyanama KAJENERI Mugenzi Christian**	**Umunyamabanga**

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa cyenda n'igice z'amanywa (15h00) iyisoza saa kumi na mirongo za ni mugoroba (16h40).

Bikorewe i Kigali, ku wa 14/08/2021

Umwanditsi w'Inama:

BAGUMA Rose
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Umuyobozi w'Inama:

Dr KAYIHURA MUGANGA Didas
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali